RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2025 Tariki 17- 24 Mutarama




## Basketball : Habaye imikino y'igikombe cya "Super Cup" ku nshuro ya mbere

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** Amakipe yahawe ingengabihe y'imikino yo kwishyura

P1 **Cycling:** Nkundabera na Nirere begukanye "Heroes Cycling Race 2025"

P2 **Volleyball:** Hatangiye imikino yo kwishyura muri Shampiyona

P2 **Basketball:** Habaye imikino y'igikombe cya "Super Cup" ku nshuro ya mbere

P3 **Athletics :** Habaye irushanwa rya "National Cross-Country Championships"

P3 **Handball:** Police HC na Kiziguro SS zegukanye Igikombe cy'Intwari

## **Football :** Amakipe yahawe ingengabihe y'imikino yo kwishyura

Tariki 18 Mutarama 2025, Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA" ryatangaje ingengabihe y'imikino yo kwishyura muri Shampiyona. Mu mikino yatangajwe, uhanzwe amaso kurusha iyindi ni uzahuza Kiyovu Sports na APR FC uzabera kuri Kigali Péle Stadium ku itariki ya 8 Gashyantare 2025, saa kumi n'ebyiri z'umugoroba.

Igice kibanza cya shampiyona cyasojwe mu ntangiriro za Mutarama 2025, cyarangira Rayon Sports iyoboye urutonde n'amanota 36, ikurikiwe na APR FC ifite amanota 31.






## **Cycling:** Nkundabera na Nirere begukanye "Heroes Cycling Race 2025"

Tariki 18 Mutarama 2025, habaye isiganwa ry'amagare ryo kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu "Heroes Cycling Race 2025", ryegukanywe na Nkundabera Eric ukinira ikipe y'Igihugu mu bagabo na Nirere Xaverine mu bagore. Iri siganwa ryabaga ku nshuro ya gatanu, ryitabiriwe n'abakinnyi 118 mu byiciro bitandukanye, ryabereye mu Karere ka Gasabo, ndetse risorezwa i Remera ahari Igicumbi cy'Intwari z'Igihugu, abakinnyi bakinira mu nzira y'ibilometero 6,8.








## **Volleyball:** Hatangiye imikino yo kwishyura muri Shampiyona

Tariki 17 Mutarama 2025, imikino ya Shampiyona ya Volleyball yo kwishyura yarakomeje, aho mu bagabo, Police VC yesuranaga na REG VC, iyitsinda amaseti 3-0, naho mu bagore ikipe ya RRA VC ikina na Kepler VC iyitsinda amaseti 3-0.

Tariki 18 Mutarama 2025, mu bagabo, ikipe ya Kepler VC yatsinze Gisagara VC amaseti 3-0, EAUR VC nayo itsinda IPRC Ngoma amaseti 3-0. Ni mu gihe mu bagore Wisdom School VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-2 naho Police VC itsinda EAUR VC amaseti 3-0.





## **Basketball:** Habaye imikino y'igikombe cya "Super Cup" ku nshuro ya mbere

Tariki 17 Mutarama 2025, muri BK Arena habereye imikino w'igikombe cya "Super Cup" yabaga ku nshuro ya mbere. Iyi mikino izajya ihuza ikipe yatwaye Shampiyona n'iyatwaye Rwanda Cup mu bagabo n'abagore.

Kuri iyi nshuro ya mbere, mu bagabo, ikipe ya APR BBC yegukanye igikombe itsinze REG BBC amanota 73 kuri 53 naho mu bagore, REG BBC yegukanye iki gikombe itsinze APR BBC amanota 76-64.

Imikino ya Shampiyona iteganyijwe gutangira, ku wa Gatanu, tariki 24 Mutarama 2025.







## **Athletics :** Habaye irushanwa rya "National Cross-Country Championships"

Tariki 18 Mutarama 2025, ku ishuri rya IPRC Kigali habereye irushanwa rya "National Cross-Country Championships", ryitabirwa n'abasiganwa 398 bakinira amakipe atandukanye arimo nka APR AC, Police AC na Sina Gerard AC.

Iri rushanwa ryegukanywe na Hitimana Noël wa APR AC mu bagabo na Niyonkuru Florence wa Sina Gerard AC mu bagore. Abakinnyi bitwaye neza muri Shampiyona, ni bo bazatoranywamo abazahagararira u Rwanda muri Shampiyona y'Isi izabera muri Leta ya Florida muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, tariki 10 Mutarama 2026.









## **Handball:** Police HC na Kiziguro SS zegukanye Igikombe Cy'Intwari

Ishyirahamwe ry'Umukino wa Handball ku bufatanye n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu bateguye irushanwa ry'iminsi ibiri ry'igikombe cy'Intwari, ryabaye kuva tariki 18 kugeza 19 Mutarama 2025, ribera mu Karere ka Gicumbi.

Ikipe ya Police HC mu bagabo na Kiziguro SS mu bagore ni zo zegukanye igikombe. Muri iyi mikino hakinwe kandi n'icyiciro cy'abatarengeje imyaka 17, mu bakobwa, Kiziguro SS itsinda ES Nyamagabe ibitego 18-13 naho mu bahungu, TTC de la Salle itsinda ADEGI ibitego 25-24.








RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave